Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku byerekeranye no kureba ibiziririjwe mu buryo butunguranye, integeka ko nzajya ndeba ku ruhande

Hadith yaturutse kwa Djarir Ibun Abdillah (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku byerekeranye no kureba ibiziririjwe mu buryo butunguranye, integeka ko nzajya ndeba ku ruhande.
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Djarir Ibun Abdillah (Imana imwishimire) yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku bijyanye no kuba umugabo yareba umugore aziruriwe kurongora mu buryo butunguranye atari abigambiriye? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imutegeka ko agomba guhindukiza uburanga bwe akareba mu rundi ruhande kuva akibimenya, ndetse icyo gihe nta cyaha abarwaho.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/8902